

Isuzuma rikorwa mu mwaka wose muri Maine (Maine's New Through Year Assessment)

Mu mwaka w'amashuri wa 2019-2020, ubwo abaturage bageragezaga kwisuganya nyuma y'icyorezo cya COVID-19, Ishami rya Maine rishinzwe Uburezi (DOE) ryabonye hakenewe kugeza amakuru agezweho kandi y'ingirakamaro ku miryango, abanyeshuri, abarimu, n'abayobozi b'uburezi mu rwego rwo kunganira imyigire y'abanyeshuri. Mu rwego rwo kugera kuri iyi ntego, ishami ryashyizeho ubufatanye hagati y'amasuzuma ya [NWEA](#), ari yo yategeuye [amasuzuma ya MAP Growth](#)

Kubera ko abarimu benshi muri Maine batangiyeye gukoresha amasuzuma ya NWEA MAP Growth mu gupima iterambere ry'abanyeshuri, DOE ya Maine yakoranye na NWEA mu gushyiraho isuzuma rishya, rivuguruye mu guhigu hose, Maine's New Through Year Assessment mu Gusoma n'Imibare. Maine's New Through Year Assessment ikomeje gutanga amanota nk'igipimo cy'iterambere ry'umunyeshuri umwaka wose, kandi ku musozo w'umwaka, itanga amanota y'imikorere hashingiwe ku bipimo bya leta.

Abanyeshuri mu cyiciro cya 3-8 n'umwaka wa kabiri w'amashuri yisumbuye bazitabira Maine's New Through Year Assessment. Ikorwa rya Maine's New Through Year Assessment rizaba muri Gicurasi 2023, maze nanone mu ntangiriro ry'umuhindo wa 2023 abanyeshuri bazakore Maine's New Through Year Assessment mu muhindo, mu rugaryi (Bishobora kutaba), no mu itumba. Ku banyeshuri biga mu ndimi nyinshi hagendewe ku itariki yo gutangira muri U.S na nyuma yaho Kuwa 4 Gashyantare 2022, isuzuma ryo gusoma mu itumba rya 2023 ni amahitamo.

Iby'ibanze biranga Maine's New Through Year Assessment

- Isuzuma ni **iryanisha na mudasobwa**. Nyuma y'igisubizo cy'ukuri, umunyeshuri ashobora kubona ikibazo gikomere kurushaho. Nyuma y'igisubizo kitari cyo, umunyeshuri ashobora kubona ikibazo cyoroshye kurushaho. Ku bw'ibyo, isuzuma rishyirwa ku rwego rw'umunyeshuri kandi ririhariye kuri buri munyeshuri.
- Isuzuma ryateguwe mu buryo **butabarirwa ku gihe**. Abanyeshuri bakwiye guhabwa umwanya wose bakeneye kugira ngo basubize ibibazo by'isuzuma byose. Ku banyeshuri baza mu myanya yo hagati, isuzuma rizatwara iminota 60 kuri buri somo (Gusoma n'Imibare).
- Isuzuma ritanga uburyo ku barimu bwo gusuzuma no gukoresha **amakuru ahari ndetse yakoreshe** kugira hatagurwe isomo. Guhera mu muhindo wa 2023, abarimu bazakira amakuru y'isuzuma mu gihe kitarenze amasaha 24 kugeza kuri 48.
- Amasuzuma yo mu muhindo, mu rugaryi, no mu itumba byakoreshe nk'uburyo bumwe bwo ku **gupima iterambere ry'abanyeshuri** uko ibihe biha ibindi. Isuzuma ryo mu itumba ryakoreshe nka bumwe mu buryo bwo **gupima imikorere y'umunyeshuri hagendewe bipimo bya leta kuri buri cyiciro**. Mu rwego rwo gusobanukirwa neza ibyo umunyeshuri wawe azi cyangwa ashoboye gukora, ibisubizo bya Maine's New Through Year Assessment bikwiye gukoreshwa hiyongereyeho andi makuru, nk'amasuzumabumenyi y'ishuri n'imyigire yo mu ishuri.
- Uburyo bwo gushyigikira abanyeshuri no **kubigeraho neza** burahari kuri bo kugira ngo hakorwe ku buryo imigendekere y'isuzuma iba ijyanye bihagije n'imyigire ya buri muni y'umunyeshuri. Ubu buryo bwo kubigeraho neza bukubiyemo, ariko ntibugarukira ku, gushyigikira no gufata neza abanyeshuri hakoreshejwe gahunda yo kubashyigikira, Gahunda y'imyigire bwite, Ghaunda ya 504, na IEP.

Uburyo bw'ubuyobozi mu masuzuma ya leta, nk'urugero Maine's New Through Year Assessment, bishobora kuzana impinduka z'igihe gito kuri gahunda y'umunyeshuri n'ibimenyerewe. Imiryango ishishikarizwa kuvugana n'amashuri abana babo bigaho mu gihe bafite ibibazo n'impungenge, hagakorwa ku buryo habaho ubwumvikane n'ubufatanye mu gushyiraho ikorwa ry'isuzuma mu buryo bwiza kuri **buri** munyeshuri.

Ku bindi bisobanuro ku bijyanye na Maine's New Through Year Assessment, turagusaba kuvugana n'umwarimu w'umunyeshuri wawe cyangwa umuyobozi w'ishuri.